

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE BWO
KUGEZA KU BASENGA N'ABEMERA BOSE NA BURI WESE KU ITARIKI YA
21/08/2024 SAA CYENDA N'IGICE (03H 30) ZA N'IJORO - ((rue Juliette Wytsmans n°
4 - Bruxelles 1050).**

IGICE CYA MBERE (1).

BIKIRA MARIYA: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda,
Yezu akuzwe!

VALENTINE: Karame Mama. Akuzwe iteka ryose na bose.

BIKIRA MARIYA: Nongeye kugusuhuza muri iyo ndamutso kuko hari benshi bayirwanya bashaka ko icika burundu kandi bidashoboka.
Ndashaka kuvuga abahakanyi n'abapagani bashaka kwimika ibigirwamana byabo biyeguriye.

VALENTINE: Urakoze cyane Mama kuko abantu benshi barabyibagirwa nanjye ndimo rimwe na rimwe.

Kunyibutsa rero ni ingenzi, urakoze cyane nzabyibutsa n'abandi.

Nibutse ko wabimbwiye bwa mbere unsuhuza muri iyo ndamutso n'impamvu nyamukuru uyikomereye ngo na twe turushaho kurwanirira ukuri kwacu n'icyo twemera n'ikiri icyacu Mama.

YEZU KRISTU NAKUZWE ITEKA RYOSE N'AHANTU HOSE NA BOSE.

BIKIRA MARIYA : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi yombi ngutume kuri Kiliziya, ku Bihayimana b'ingeri zose : Papa, Abakardinali, Abasenyeri, Abapadiri bakuru n'Ababungirije bose.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bihayimana bana banjye

Ntagishya mbabwira mutazi ahubwo ndabibutsa kuko mbona mugenda mwibagirwa ishingano zanyu nyamukuru.

Iyo padiri adasomeye misa abo ashinzwe kandi atabuze umwanya n'abo ayisomera ahubwo bamutegereje bagaheba, haba habaye icyuho gikomereye muri Kiliziya. Nahereye ku Bapadiri kuko niho bihera ujjana hejuru.

None kuki Abihayimana : Abasenyeri n'abapadiri batahamagara abakristu ngo babajyanye ahantu hitaruye babasomere misa, babigishe, ko byarushaho kuba byiza batigunze mu mazu yabo !

None, murumva ahubwo bitagiye kuba ibindi bindi mukabura abakristu nk'igihe cyashize k'icyorezo cya Koronavirusi ?

Bayobozi ba Kiriziya, muhugiye kuki koko ? Ntabwo mwasenga kurushaho mukarebesha amaso y'imitima yanyu ngo mubone ukuri koko ?

Nyamara ijya kurisha ihera ku rugo, nyuma y' urwo rugo mwumva ari hehe mwebwe uko mubyumva ! Ni uko mubibona ? Ndababajije mumbwire na mwe !

Ikintagaza ni uko usanga hari Abihayimana bavuga ngo reka twumve icyo Bikira Mariya na Yezu babivugaho kandi bavuga ko batabyemera ! Birambabaza cyane kumva muhora mukorera ijisho no gukorera ab'isi kurusha Abijuru mwiyegeye. Birambabaza cyane kumva mwese muceceka guhera ibukuru kugera kubo hasi, hakabura uvugira abandi maze mukanyagwa ibiri ibyanyu maze mukimika iby'abandi mutazi aho byatangiriye n'aho bizahereza kandi mwese mukanuye murebana.

Ndabasabye Bihayimana bana banjye nkunda, nimufate ingamba zihamyeye mukore amatsinda y'amasengesho mu mpande zose musenge , mwigomwe, mwiwirize, musabire isi amahoro n'ibihugu byanyu byugarijwe n'umwijima ubuditse, musengane urukundo, ukuri n'ubutabera, mwigishe abantu gusaba imbabazi, kubabarira no kubabarirana n'ubwiyunge, cyane cyane namwe babakureho urugero, kuko namwe nibyo mbifuzaho, kubaka no gusenya si byo byihutirwa cyane ubu ng'ubu, nimubanze mwubake imitima y'abantu yamenetse, muyigarurire icyizere n'amahoro mu mitima yabo bazashobore no kuzagira imbaraga zizinjira muri zo nyubako zanyu mushaka ngo muce umuhigo.

Nyamara, ngo nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi.

Muramenye Bihayimana b'u Rwanda, ntimuzabe intandaro yo koreka igihungu cyanyu n'abagituye bese n'isi yose, kuko ubutumwa naje mbazaniye Njyewe Bikira Mariya n'Umwana wanjye Yezu Kristu ari mwe muzabusubiza inyuma mwirengagiza gukora ugushaka kwacu kwatuzanye mukihimbira ibyanyu.

Nababwiye kenshi ko Kiriziya izasenywa n'abagombye kuyubaka.

None ko muri gutiza umurindi abayibasenyeraho mu yicayemo !

Biteye isoni n'agahinda ukuntu mwese mwumva ko nta kundi byagenda ari uko bimeze. Ikibabaje ni ukumva abakuru bakuriye abapadiri, bamwe na bamwe bababuza gukorera mukuri bakabyita gusuzugura Kiliziya kandi bari mu nshingano zabo.

Abo baziza icyo bari cyo, abo bashinja abana n'abagore bakabafatira imigambi ikakaye no kubakoza isoni n'ibindi kubera ko badakunzwe, badashakwa, kandi hari n'abandi bameze nkabo ndetse barenze bakabije, no muri mwe bakuru babafatira ibyemezo harimo abakoze ibyo mubaziza, ariko mukarenga mukababuza amahoro.

Nyamara uwabashungura ntiyababuramo inkumbi na mwe muriyizi.

None se abandi barazira iki koko ko hari benshi byabayeho bakabireka, abandi bibabaho na n'ubu ariko ntakirahinduka !

Kuki Yezu Kristu aza akababarira mu gihe mutura igitambo cya Misa, aca bugufi akamanukira mu mu mugati na divayi yirengagije abo muribo !

Kuki mwebwe muca iteka kuri bamwe na bamwe kandi ari bagenzi banyu ?

Ndabasabye, munyumve neza sinshyigikira icyaha ahubwo ndakirwanya kuko sinanga umunyabyaha ahubwo nanga icyaha !

Muranyumva neza bana banjye nkunda ? Ndabasabye nimwisubireho mureke gukoza isoni bagenzi banyu, rimwe na rimwe harimo abarengana kandi namwe harimo ababizi. Hari abaruharwa bazwi bahawe intebe badakoreka bitwaje icyo bita ubuhangare bwabo. Ibi mbibabwiye abihayimana mbabaye cyaneeeeeee pe nimwisubireho mwe kwisenyera ibyuzuye impanda zitazabavugiraho mutunguwe.

Umukuru azira gutukwa ntazira gutumwa kandi ugira Imana abona umugira inama bana banjye.

Ikindi kibabaje giteye kwibazaho ! Kiliziya nta muyobozi igira ? Ari he ?

Nabanje guceceka ngo ndebe ko Abakuru ba Kiliziya bireba bahaguruka bakajya inama yo guhumuriza abakristu batakibona aho bumvira Misa ndaheba, none babaye nyamwigendaho nk'intama zitagira umutware.

Umwana wanjye Yezu Kristu arababaye cyane, kandi mugiyeye kubona, guhura na byinshi binyuranye, muyoberwe aho biva n'aho bijya, muhere mukeragati murebane mu maso.

Nabagiraga inama ubwo ni ahanyu na namwe.

VALENTINE : Karame Mama.

Nguteze amatwi yombi ngo untume aho ushaka no kubo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe ni cy'ab'isi yose.

None se Mama, ko numvise ibi bintu untumye bitoroshye buriya bazabyumva ko n'ubundi batemera ibyo untuma ngo ndabeshya nshaka ko banyemera ku ngufu ?

None se, bazasenga gute ko numvise bitoroshye nkurikije ibyo umbwiye n'ibyo unyeretse bigiye kuba Mama ! Biteye ubwoba pe ! Nzatumika nkuko bisazwe.

BIKIRA MARIYA : Humura wigira ubwoba kuko wowe ushizwe kuvuga ibyo ngutumye.

Ikindi kandi, ndabizi ko bakurikira byose, uzatumike uko usanzwe untumikira.

Ntushizwe kubemeza ushinze kubamenyesha wowe gusa mwana wanjye nkunda.

Ikindi natwe, harimo abatemera ko twasuye Kibeho Njyewe Bikira Mariya n'Umwana wanjye Yezu Kristu kandi bakaba abambere kwamamaza.

Ubwo se iyo ubona habura n'umwe uva kwizima ngo yemeze ko Yezu yaje i Kibeho mu Rwanda ku mugaragaro, urumva bakwemera kandi Kibeho yaramenyekanye cyane ari wowe twasigaranye, tunganiriza tugutuma ku bantu bose ngo bisubireho kuko uri bucura bwanjye.

Bamwe bafite ubwoba ko wajya i Kibeho ukavuga byose, ukerekana byose ! Ni yo mpamvu bakurwanya cyane cyane abashinzwe ibya kibeho, ni yo mpamvu bakurwanya bakagutoteza cyane bivuye inyuma.

Ibyo ngutumye ndabizi ko biba bitoronshye kuko bazana ibyo bize bakabigereranya n'ibyacu kandi bidahura, birenze ibyo bize n'ibyo biga, kuko ibyacu tubatuma byoroheye umuntu wese n'utarize n'iyi dutuma abaciye bugufi nka we.

Ntuzatangare nubona Kiliziya y'ibukuru bazanye

Ibyogajuru n'ibihindugembe ngo abe ari byo bizajya bipima abo dutuma twigaragariza.

Ndashaka kuvuga ibi byaje bya robo (ibintu sirinaturere), mbese bazavanga iby'Imana n'ibya shitani, ngo ni byo bifite ubwenge kurusha abantu aho gusenga ngo basabe ubushishozi.

Ibyo byose mbikubwiye kugira ngo umenye ibyateguwe, ibitegurwa no kumenya ibintu uri guhongerera muri bino bihe bikomeye murimo, ibyo nibyo bizajya bikoreshwa ahantu henshi.

Ngiyo Kiliziya iri imbere, ni byo Kiliziya irimo gutegura gukoresha na yo nk'iby'abiy'isi batemera, ntuzatungurwe mwana wanjye nibagusuzumisha ibidatekereza.

Ibiburaburyo n'ubwenge, uranyumva neza ?

Ndashaka kuvuga bya bihindugembe bizasimbuzwa abantu mu mikorere kuko biri hafi.

Bihayimana bana banjye mbacire umugani ugana akariho : « Umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye ».

VALENTINE : Urakoze cyane kunsobanurira Mama ndumva bitoroshye pe. Ni yo mpamvu namwe muje mubabaye uyu muni.

Mbega ukuntu Kiliziya yugarijwe !
Mbega ukuntu isi igiye kuzura ibihindugembe abantu batabuze !
Mbega ukuntu bagiye kuba ibikoresho by' ibyo biburabwenge kandi barize bahari ?
Mbega ukuntu Kiliziya yaguye mu mutego
w' abategetsi b'iyi si bashaka ibya Mirenge bigatuma hari abihayimana bafite urukundo
rucye muri bagenzi babo kubera gukunda iby'isi?
Mbega inzangano hagati yabo?
Mama iyo utambwira ngo ubinyereke., sinari kuzabyumva neza ngo mbyemere ko
bagirana amashyari n'utundi nka turiya tutari twiza unyeretse! Mama uribuka umupadiri
mwigeze kumbwira ko bagiye kumugambanira ngo ataba Musenyeli witwaga Muvara...
nabivuga na bwo nkabizira na n'ubu?
None se ko umbwiye n'abandi bazamera nka We, nzabibabwira gute ngo mbaburire
nkuko na we nabimubwiye?
Ko mbona bitazanyorohera kuko ntabazi neza?
Birambabaje niba hagikorwa ibintu nk'ibyo byo gukandamiza abapadiri, kubihimuraho
by'ako kageni.

Ikibazo ni uko umbwiye ko no muri bo harimo abanangiye imitima batumva ubutumwa
bwanyu, badasenga? bihagije kubera gutotezwa.
Ntacyo bitwaye Mama nzajya mbasabira kurushaho.

IGICE CYA KABIRI (2).

BIKIRA MARIYA: Mwana wanjye nkunda, ko mbona uhangayitse ni ukubera iki? Ni uko se
ngutumye ku bantu utazi mutabonana amaso ku maso?
Humura nzakubwira uko uzabubagezaho, n'uko buzabageraho bose nkuko wabigenjeje
ubushize ku bo nagutumyeho kandi bwabagezeho n'ubwo barenga ku byo
nabagutumyeho bakikorera ibyabo.
Wigira ubwoba rero wowe uzatumike gusa.
Ikindi kandi, ujye ubasabira cyane ni benshi banangiye imitima kandi batorohewe mwana
wanjye.
Ndabizi ko ubabara cyane muri kino gihe murimo kitoroshye ariko humura turi kumwe.

VALENTINE: None se Mama, abo wantumyeho mbere, kuki badahinduka ahubwo
bakarushaho gukaza umurego? Ni kubera iki?
Kuki se utabashyiramo umutima wo kukumvira no kwakira ubutumwa bwawe n'ubwa
Yezu Kristu? Cyangwa se Wowe ukabiyereka bakakubona bakareka kukubabaza no
kubabaza abandi bantu?
Mama, urabona ko ubatumaho ubamenyesha ibigiye kuba ngo bitegure, bahinduke kandi
bategure n'abakristu bamenye uburyo biyunga n'Imana bihana, basaba imbabazi bamwe
n'abandi, bababarirana.
Ni ukubera iki bagusuzugura? Ni uko se batemera ko ari Wowe wabantumyeho Mama?
Birababaje pe ko bagusuzugura kuriya kandi ugakomeza kubakunda no kubababarira.

BIKIRA MARIYA: Nyiramukiza mwana wanjye rero, unyumve neza kandi untenge amatwi
ngusubize ibyo umbajije.

Abo ngutumaho bamwe na bamwe ibyo mbagutumaho bibatera isoni ko ubizi kandi byari ibyabo gusa.

Ikindi kandi, hari n'abatemera na gato ko Bikira na Yezu twaje i Kibeho, n'abo bavuga ko bemewe ntibabemera.

Ikindi, ni uko ubutumwa tugutuma, ngutuma, bukwira isi yose kandi bamwe batabishaka kuko ukuri kwagiye hanze; babishaka batabishaka.

Uratumika abantu n'isi yose bakumviraho, bakamenya ibyahise twabatumye batari bazi n'ibitaravuzwe, bitavugwa na n'ubu bigatuma bashaka kugufunga umunwa bagutoteza bakubeshyera baca iteka.

Bafite ubwoba ko byose bizajya hanze, abantu bakamenya ukuntu abantu bapfuye baguye muri za Kiliziya ari benshi warabahaye ubutumwa, nabagutumyeho bubabuza kuzahungira muri za Kiliziya ngo batazahagwa: bo ngo ntibishoboka ni ukubeshya ntibyanabaho, none byarabaye muri kiliziya zimwe na zimwe zo mu Rwanda.

Byatumye bakorera ubufindo ku mubiri n'amaraso by'Umwana wanjye Yezu Kristu.

Byatumye kandi Kiliziya y'umwana wanjye bayigira itongo n'irimbi ariko aracyayituyemo, ng'ako akababaro mfite mwana wanjye.

Ubwo se urumva byoroshye wowe kwakira ubutumwa bubibutsa ibyo bamwe banze kwemera ngo bakize abantu babigisha urukundo?

Ntabwo rero ari ukubera wowe batemera ko wambonye (ko utabonekewe nanjye), kuko n'abo bemeye batabumva bakikorera ibyo bishakiye n'ibyo bo batekereje.

Kuko harimo abatarahageze igihe tubabonekera ku mugaragaro, n'ibyo noneho twavuze ku mugaragaro, twahakoreye ku mugaragaro batabikurikiza uko twabibatumyeho.

URUGERO: AHO NATEYE INTAMBWE.

None se nibatubaha aho nateye intambwe, ubona byo byaba byarakiriwe gute?

Nibatumvira uwateraga ikirenge mu cyanjye, bazumvira nde? Ryari?

Ko biyongereraho ibyabo n'ubizi agaceceka, n'uwabibwiwe, n'abari babishinzwe ndetse n'abari bahari bikorwa!

Naho ubundi rero Mwana wanjye wikwirenganya kuko nanjye ntegereje amaherezo yabyo.

Kuba ari wowe bucura uzamara impaka za byose ni yo mpamvu bakurwanya, bakagutoteza ari benshi, ariko uhumure turi kumwe.

Ngiye kugutuma ku bakristu nyabo n'abakristo nyabo.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda.

Bakristu nkunda bana banjye, na mwe bakristo ba Kristu, cyane cyane abasenga nta buryarya, basengana ukwemera, urukundo, imbabazi, ubwiyunge no gushyira hamwe, basenga isengesho rivuye ku mutima, isengesho rikubiyemo igikorwa cyo gufasha bagenzi babo babakeneye mu buryo bwose.

Amazi atangiye kurenga inkombe nyabuneka, ndabasaba gusengana urukundo, mwicuza, musaba imbabazi, mubabarira, mubabarirana kandi mwiwunga na buri muntu wese, mufashanya bamwe n'abandi, mutabarana mbese ya sano nababwiye musangira isumbye iy'amaraso.

Ibi bihe murimo, muri kujyamo, birakomeye cyane ndetse biteye ubwoba ku badasenga.

Mukomere kuri Rozari yanyu ihungabanya ibitero bya shitani bigabwe ku bantu no kw'isi yose. Ituma ibibi bigabanura ubukana byari bizanye.

Rozari ituma intambara zo mu mitima zimwe na zimwe zihungabana zikagabanura ubukana bwazo.

Rozari ituma hahinduka bimwe byari bije by'inkundura bitunguranye maze bigacika intege.

Nimuyikomereho nanjye n'Umwana wanjye Yezu Kristu tubari inyuma, mwitinya gusenga no gukorera mu kuri no kuvuga ukuri, kuko nabahaye ubufasha uretse ababwitesha bakabwiringagiza, kuko muri mu gishura bana banjye.

Ikindi, muri kumwe n'igikoresho cyacu kibafatiye runini.

Muterane inkunga tubari inyuma.

Nimusenge, mwigomwe, mwiwirize, ababishoboye mukore ibikorwa by'urukundo kuko murugarijwe, muratotezwa.

Mushengerere kenshi abashobora kubibona no kubibonera umwanya mugifite aho musengera kuko byose narabibateguje kandi ndacyabateguza mbaburira kuko ibiri imbere ni byo karundura.

Ibyo byose rero tuzabitsindisha amasengesho tuvuga avuye ku mutima.

Mugiye kugira imyiherero mu minsi iri imbere, izajya ifasha benshi ndetse igakangaranya shitani n'ibitero byayo bitunguranye.

Imyiherero izajya iba mu buryo bunyuranye, mu bihe bitandukanye n'ubwo uwo ntuma atorohewe.

Ubu ngubu arabakeneye cyane n'ubwo mubona, mwumva aseka, aba ababara cyane, rero mumusabire na mwe arabasabira.

Nimwongere mwivugurure, muhore mwiteguye kuko ibihe biri imbere ntawe uzi umunsi n'igihe mutazatungurwa bana banjye.

Nimuharanire kuba mu nyangamugayo no mubatanga urugero nk'abakiranutsi bakorera Imana by'ukuri.

Rozali yanyu ibabere akabando kazabasindagiza kakabageza aheza mwakoreye mw'ijuru bana banjye.

Bana banjye sinzabe nyamwisiga ngo nisange na mwe kandi ntimuzabe ba baburamwaje. Bana banjye mbasabye urukundo gusa.

VALENTINE: None se Mama, ko numva ibyo umbwira n'ibyo unyereka bikabije kandi biteye ubwoba, njyewe nakora iki?

None se, kuki abo bihayimana bose mutabahindura ngo bahinduke bakorere Imana uko bikwiye?

Kuki se mutarenganura abarengana?

Kuki mutabakubita akanyafu ko kubakangura bagasubira mu murongo no mw'isengesho?

Kuko ugiye ubababaza bajyayo ntibasubirayo! Kuko baba bazi icyo bahuriye na cyo mu nzira banyuze.

Uzi kubabara mu kigwi cy'abatabyumva, cy'abatabyitayeho!

Yezu yaragowe we tubabaza buri munsu na buri kanya akihangana, akatwihanganira twese.

BIKIRA MARIYA: Niyo mpamvu naje kugusura ngo mbagutumeho, mbibutse mbaburire ngo bisubireho, amazi si yayandi.

Inzira ntibwira umugenzi bana banjye !

Nimwisubireho.

Nje kugutuma no ku bo musengana, ngo mwivugurure mw'isengesho kandi musenge cyane musaba amahoro ku isi yose no mu bihugu byose, no mu mitima y'abantu.

IGICE CYA GATATU (3).

Mwana wanjye ndagutuma ku bemera, n'abandi bose batemera

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye mwemera na mwe mwese muzi Imana, na mwe ibi byose birabareba n'ubwo mwabyirengagiza bwose.

Muzabazwa impamvu mwumvise, mwabwiwe mukabisuzugura ; ndashaka kuvuga ubutumwa bwacu twatanze ntimubwiteho.

Nje kubabwira ngo na mwe igihe kirageze ngo mwisubireho kuko muzabazwa byinshi na mwe mwirengagije, mwasuzuguye.

Kuko ibiri kubera ku isi na mwe birabareba kuko muyituyeho na mwe.

Ngibyho ibyari binzanye kugutuma mwana wanjye.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye wa kibyeyi, maze ukomeze amasengesho yawe buracyeye mwana wanjye nkunda.

Isengesho ryo gusabira Kiliziya

Isengesho ryo gusabira abarwayi

Isengesho ryo gusabira abatwanga

Dawe uri mw'ijuru....

Ndakuramutsa Mariya

Hubahwe Imana Data...

Nguhaye umugisha ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Mpaye umugisha abazasomerwa ubu butumwa.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Mpaye umugisha abazasoma ubu butumwa

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Mpaye umugisha abitanga bose basenga Rozali n'ayandi masengesho anyuranye.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Mpaye umugisha abanyirengagije, abataye, abatemera n'abandi bose.

Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Ngaho komeza amasengesho yawe.
Uramukeho mwana wanjye nkunda.

VALENTINE : Urakoze cyane Mama.
Uramukeho.

Gufata amajwi no kwandukura ubutumwa:

Francoise BONDUELLE et Léoncie KANTAMAGE

Gusubiramo imyandikire:

Jean-Baptiste HATEGEKIMANA.